# Amakuru
## y'inkambi y'impunzi



Muri iyi paki y'amakuru, urahabwa amakuru rusange ku mikorere y'ikigo cy'impunzi, serivisi zitangirwa muri icyo kigo, ndetse n'amabwiriza n'inama ku bijyanye n'imyitwarire ikwiye muri icyo kigo no kwita ku buzima bwawe.

Uzahabwa kandi n'andi makuru n'amabwiriza akureba aturutse mu nkambi y'impunzi no mu Kigo gishinzwe Abinjira n'Abasohoka cya Finilandi (Imigarasiyo). Ayo makuru ni ingenzi kuri wowe. Uyige neza uyasobanukirwe.

Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Ibikubiyemo

**Amakuru ku mikorere y'inkambi y'impunzi**
- Abakozi bo mu nkambi baragufasha
- Shishikara ugire uruhare mu gutunganya ibintu
- Itwararike ko amakuru yo kukuvugisha atahindutse
- Itware neza buri gihe mu nkambi y'impunzi
- Kuvuga ibitagenda

**Gucumbika mu nkambi y'impunzi**
- Kubahiriza amabwiriza rusange y'icumbi
- Guzumbika mw'icumbi ry'umuntu ku giti cye
- Kwimurirwa mu yindi nkambi y'impunzi

**Amakuru ajyanye na za serivisi zitangwa n'inkambi y'impunzi**
- Amabwiriza rusange n'inama
- Serivisi za sosiyari
- Serivisi z'ubuvuzi
- Ibyishyurwa kuri serivisi zo kwakira impunzi
- Amafaranga ahabwa impunzi
- Ikarita yo kwishyura
- Amasomo yigisha imico rusange muri Finilandi
- Umurimo n'ibijyanye n'amasomo
- Ubusemuzi
- Inkunga ku muntu usubiye iwabo ku bushake
- Inkambi y'impunzi itunganya amakuru yawe
- Kwimukira mu karere

**Amabwiriza n'inama wowe ubwawe witwararika mu nkambi y'impunzi**
- Kugira uruhare mu nkambi y'impunzi
- Icyo wakora habaye ingorane zikeneye ubutabazi bwihuse
- Kumenyesha igihe uvuye cyangwa utari mu nkambi y'impunzi
- Abana n'imiryango ifite abana
- Guteza imbere ubushobozi bwo gukora, kwigenga no kugira ubuzima buzira umuze
- Kwiga hanze y'inkambi y'impunzi
- Gukora akazi
- Imyidagaduro
- Guteganya neza umutungo

**Andi makuru**

# Amakuru ku mikorere y'inkambi y'impunzi

## Abakozi bo mu nkambi baragufasha

Mu nkambi y'impunzi hakora abakozi bazobereye mu mirimo yo muri serivisi za sosiyari, izo kwa muganga, n'izo gusobanurira abantu no gutanga inama.

Abakozi bo mu nkambi y'impunzi bahari kubera wowe kandi buri gihe ushobora kubabaza, niba ukenbufasha cyangwa hari ikintu kiguteye amakenga.

Abakozi bo mu nkambi y'impunzi bakora nta hantu babogamiye kandi bafata abakiriya bose kimwe ntakurobanura.

Abakozi bo mu nkambi y'impunzi nta byemezo bafata birebana n'uruhusa rwo gutura mu gihugu ntibanashobora no kugira icyo bakora ku ruhusa rwo gutura cyangwa ku cyemezo cy'ubuhungiro. Impusa zemezwa n'Ibiro bikuru bya Imigarasiyo.

Ubahiriza buri gihe amabwiriza uhawe n'abakozi bo nkambi y'impunzi.



## Shishikara ugire uruhare mu gutunganya ibintu

Shishikara mu kugira uruhare mu bikwerekeye bijyanye n'ubushobozi bwawe n'imbaraga wiyumvamwo. Ikigamijwe ni uko byinshi mu bikureba ugira uruhare runini rushoboka mu kubikemura wowe ubwawe.

Horana buri gihe imikoranire myiza hamwe n'abakozi bo mu nkambi.

## Itwararike ko amakuru yo kukuvugisha atahindutse

Itwararike ko mu nkambi y'impunzi bahorana buri gihe uburyo bwo kukuvugisha bushya (nomero ya telefoni, aderesi utuyeho n'ikoranabuhanga ngurukanabutumwa), abo bakozi babukoresha igihe bakeneye kukuvugisha.

## Itware neza buri gihe mu nkambi y'impunzi

Inkambi y'impunzi igomba guha buri wese umutekano wo gutura no gukora imirimo.

- Ubaha abandi bakiriya, abakozi bo mu nkambi, n'ibikoresho by'inkambi y'impunzi.

Mu nkambi y'impunzi haba amabwiriza, nawe ugomba kubahiriza. Amahane yose, n'imyifatire ikubaganira abandi mu nkambi irabujijwe rwose. Niba ubonye amahane mu nkambi y'impunzi cyangwa n'urundi rugomo rukubaganira undi , hita ubimenyesha abakozi bo mu nkambi.  Ahantu rusange hose mu nkambi hari za kamera zicunga. Nta kamera zifotora mu cyumba cyawe no muri WC n'aho kwiyuhagirira.



Ushobora kubwira inkambi y'impunzi ibitagenda.




# Kuvuga ibitagenda

Bwira umukozi wo mu nkambi y'impunzi niba wishimye, niba hari ikikubabaje cyangwa niba hari icyo ushaka kubungura. Igitekerezo utanze gifasha inkambi y'impunzi na Imigarasiyo kugisuzuma, ndetse kikabafasha no guteza imbere imikorere yabo.

Ushobora kwandikira Ikigo gishinzwe Abinjira n'Abasohoka (Maahanmuuttovirasto) uregera ubuyobozi niba utekereza ko inkambi y'impunzi cyangwa umukozi wayo yakoze ibintu binyuranyije n'amategeko cyangwa atubahirije inshingano ze. Mbere yo gukora icyo kirego, gerageza kubanza kuganira, niba bishoboka, n'inkambi y'impunzi cyangwa n'uwo mukozi. Niba habaye ikosa, ikibazo gishobora gusobanuka no gukosorwa vuba binyuze mu biganiro.

Ku rubuga rwa murandasi rwa Imigarasiyo hari amabwiriza ajyanye no kurega umuyobozi. Uramutse ubikeneye, ushobora gusaba ubufasha bwo kwandika icyo kirego mu nkambi y'impunzi.



# Gucumbika mu nkambi y'impunzi

Kuba mu nkambi y'impunzi bikorwa mu buryo bwo gusangira icumbi n'abandi. Inkambi y'impunzi iguhitiramo icyumba cyangwa inzu yo kubamo, ariko iyo nzu cyangwa icyumba usangira n'abandi bakiriya. Icyumba cyawe cyangwa inzu yawe ushobora kuyihindurirwa mu gihe ukiri mu kigo.



# Kubahiriza amabwiriza rusange y'icumbi

Mu bigo byakira impunzi habarizwamo abantu baturutse mu bihugu bitandukanye, mu mico itandukanye no mu mateka atandukanye. Mu gutura hari amabwiriza agomba gukurikizwa na buri wese. Wubahe abandi mutuye hamwe n'idini ryabo, umuco wabo n'imigenzo yabo.

- Buri wese afite uburenganzira bwo kwemera no gukurikiza idini rye, uburenganzira bwo kugaragaza imyemerere ye, no kuba mu muryango w'idini cyangwa kutawubamo. Ntukore ibikorwa by'idini ryawe mu byumba rusange by'icumbi ry'inkambi y'impunzi, kugira ngo bitabangamira abandi.
- Ntugemure cyangwa ngo ukoreshe intwaro cyangwa ibiyobyabwenge mu nkambi y'impunzi. Gukoresha no kugira ibiyobyabwenge ni icyaha mu gihugu cya Finilandi. Niba ufite ibintu nk'ibyo bishobora guteza ikibazo cyangwa umutekano muke, ushobora kubyamburwa.
- Ibikoresho n'imyanya yo mu cyumba cyangwa mu nzu ni iby'inkambi y'impunzi. Ntibyemerewe kugurishwa, gucuruzwa, gusenywa cyangwa gusohorwa hanze. Menyesha abakozi b'ikigo niba hari ibyuma cyangwa ibikoresho byangiritse mu cyumba cyangwa mu nzu yawe. Ushobora kuzana ibikoresho byawe mu kigo gusa ubiherewe uburenganzira n'umukozi.
- Ubahiriza gahunda mwemeranyijweho n'inkambi n'abo mubana mu nzu, urugero nk'igihe cyo guteka, kumesa imyenda, no gukoresha ibikoresho rusange.



- Ntukanywere itabi mu nzu. Kunywa itabi byemewe gusa hanze, ahabugenewe.
- Irinde icyateza inkongi y'umuriro. Cunga neza ikoreshwa ry'ibikoresho by'amashanyarazi. Saba umukozi w'ikigo kugufasha igihe amashanyarazi cyangwa ibikoresho bitagikora. Ntukabike ikintu na kimwe hejuru y'amashyiga.
- Inkambi y'impunzi iguha ibikoresho nk'amashuka, ibikoresho byo gusukura n'impapuro zo kwihanaguza muri WC. Itwararike isuku nziza mu cyumba cyangwa  mu nzu. Jya usukura aho wakoresheje, urugero mu gikoni nyuma yo guteka. Jyana imyanda ahagenewe kujugunywa imyanda.
- Rondereza amazi ukoresha. Gabanya igihe umara wiyuhagira. Funga amazi igihe wisiga isabune kandi ukoreshe amazi ku bushyuhe wifuza.
- Witwararike urufunguzo rw'icyumba cyangwa rw'inzu.
- Mu masaha yo gutuza (ahazwi nk'isaha y'ituze), akenshi kuva saa 22:00 kugeza saa 07:00, ntibyemewe kugira urusaku, amagambo menshi cyangwa umuziki urenze  urugero, cyangwa indi nduru ibangamira abandi.
- Abashyitsi ntibemerewe kurara mu nkambi y'impunzi.
- Umukozi w'inkambi y'impunzi ashobora kugenzura buri gihe, cyangwa igihe bikenewe, uko icyumba cyangwa inzu bimeze.



# Guzumbika mw'icumbi ry'umuntu ku giti cye

Ushobora, nibishoboka, kwishakira ubundi buryo bwo gutura hanze y'inkambi y'impunzi. Ibi byitwa icumbi ry'umuntu ku giti cye. Ushobora gutura urugero mu muryango wawe, ku mugabo cyangwa umugore wawe, cyangwa ku nshuti. Ushobora kandi gukodesha inzu ku giti cyawe cyangwa kuba nk'ukodesha ku wundi mukode.

**Ibyo ugomba kwitaho iyo utuye mu buturo bwite:**

- Ahantu utuye hagomba kuba hateganyirijwe guturwamo, kandi hagomba kuba hari aderesi ushobora kwakiriraho ibaruwa yawe.
- Ugomba gutura aho watanze aderesi ko ariho utuye.
- Menyesha ibiro by'iposita ko wimukiye mu yindi nzu, ubikore ubaha aderesi nshya wimukiyeho.
- Menyesha mu nyandiko inkambi y'impunzi aderesi y'icumbi ry'umuntu ku giti cye wihitiyemo. Jya umenyesha kandi buri gihe impinduka zose zabaho.
    - Ibi ngibi ni ingenzi, kuko bituma uburenganzira bwawe ku zindi serivisi zitangwa n'inkambi y'impunzi zikomeza kandi na Imigarasiyo ikamenya uko yakuvugisha ku birebana na dosiye y'ubusabe bwawe.



# Kwimurirwa mu yindi nkambi y'impunzi

Kuba umukiriya w'inkambi y'impunzi ni iby'igihe kigufi. Ntabwo waba mu nkambi y'impunzi imwe igihe cyose ukiri umukiriya w'inkambi z'impunzi.

Amahirwe yo kuguma cyangwa kwimurirwa mu kindi kigo cy'impunzi biterwa n'uko aho hose haba hakiri umwanya wo gutura. Bishoboka ko aho wifuza kuba hataboneka umwanya. Ku bw'ibyo, ntushobora kwihitiramo cyangwa kwifatira icyemezo cy'inkambi y'impunzi uzabamo.

Ushobora kwimurirwa mu yindi nkambi y'impunzi igihe bibaye ngombwa ku mpamvu zerekeye ikibazo cyawe, imikorere y'inkambi cyangwa imikorere y'ubuyobozi, cyangwa ku mpamvu zerekeye isuzumwa ry'ubusabe bwawe.

Ushobora kandi kwimurirwa mu kindi kigo igihe inkambi wari urimo ihagaritse imirimo, cyangwa iyo mu ntangiriro, igihe wageraga mu gihugu, wari washyizwe mu kigo cy'agateganyo kigenewe gusa gucumbikirwa by'igihe gito, kizwi nk'inkambi ya transit.

**Ushobora kandi kubaza ikigo cyawe niba bishoboka kwimukira mu kindi kigo, niba:**

- niba warabonye akazi mu kandi karere
- niba warabonye aho wiga, mu rwego rw'impamyabumenyi y'ikirenga mu kandi karere cyangwa
- umuryango wawe wa hafi utuye mu yindi nkambi y'impunzi. Mu muryango wawe wa hafi habamwo iso, nyoko, umugabo cyangwa umugore n'abana bataragira imyaka 18.

Inkambi y'impunzi yishingira ibijyanye n'imirimo yo kwimurwa n'ukuntu bitegurwa.

# Amakuru ajyanye na za serivisi zitangwa n'inkambi y'impunzi

Inkambi y'impunzi iguteganiriza amaserivisi yose ukeneye. Itegeko riteganya, amaserivisi ufiteho uburenganzira.

**Amaserivisi atangwa n'inkambi y'impunzi ni**

- icumbi
- serivisi za sosiyari
- serivisi z'ubuvuzi
- amafaranga ahabwa impunzi
- ibirebana n'umurimo, n'amashuri
- ubusemuzi na
- inkunga yo gufasha gutaha iwanyu ku bushake.

**Byongeye kandi uhabwa n'inkambi y'impunzi amakuru, urugero:**


- uburenganzira n'inshingano zirebana n'ubukiriya
- amabwiriza y'inkambi y'impunzi n'
- imico n'imiterere y'umuryango mugari wa Finilandi.

Byongeye kandi inkambi y'impunzi aguha andi mabwiriza n'inama ku bintu bitandukanye byo mu buzima bwa buri munsi.

Iyo utuye mw'icumbi ry'umuntu ku giti cye, ibigomba kwishyurwa kuri iryo cumbi, nk'ubukode, amashanyarazi no kwishyura amazi ntabwo ubisubizwa. Aho ucumbitse n'ibifitanye isano naho ntabwo ubibonera inkunga y'amafaranga.

## Amabwiriza rusange n'inama

Umukozi ndongozi w'inkambi y'impunzi aguha amabwiriza n'inama mu bintu bitandukanye bya buri munsi n'ibibazo byose bifitanye isano no gucumbika mu nkambi y'impunzi.





## Serivisi za sosiyari

**Ushobora guhabwa n'umusosiyari cyangwa n'umusosiyari w'umukangurambaga inama n'amabwiriza n'ubufasha muri ibi bikurikira:**

- kurera abana no kubafasha kibyeyi
- inzira y'ishuri no kwiga
- imbaraga zawe, n'iterambere ry'impagarike yawe
- gucunga ubuzima neza no kwihangana kwawe
- ingorane zo mu mitekerereze cyangwa ibibazo by'ibiyobyabwenge
- ingorane zihariye zijyanye n'izabukuru
- ubumuga n'ibikenewe byihariye.

Niba ukeneye ubufasha, bibwire abakozi bo muri serivisi za sosiyari mu nkambi y'impunzi.

## Serivisi z'ubuvuzi

Aforomo b'abaganga n'abaforomo basanzwe bagufasha gutunyanya ibijyanye na serivisi zo kukuvura mu nkambi y'impunzi.

Umuforomo wo mu nkambi y'impunzi asuzuma ibyo ukeneye mu buvuzi, akaguha ubufasha bukenewe kandi akakuyobora mu gihe bikenewe ku zindi serivisi z'ubuzima zo hanze y'ikigo.

Iyo ugeze bwa mbere mu nkambi y'impunzi, ukorerwa isuzuma ry'ibanze ry'ubuzima (alkuterveystarkastus), rikaba ku bushake. Muri iryo suzuma ry'ibanze, harebwa uko ubuzima bwawe buhagaze no kumenya serivisi z'ubuzima ushobora gukenera. Jyana muri iryo suzuma inyandiko cyangwa amakuru yerekeye ubuzima bwawe niba uyafite, cyangwa ubibwire umuforomo. Umuforomo ashobora no kukuyobora mu yandi masuzuma yisumbuye, nk'urugero mu rwego rwo gukurikirana isuzuma ry'indwara zanduza zimwe na zimwe zizwi.

Niba ukeneye ubufasha, bibwire abakozi ba serivisi z'ubuvuzi mu nkambi y'impunzi.

# Ibyishyurwa kuri serivisi zo kwakira impunzi

Niba utuye mu kigo cy'abakira impunzi kandi ukaba ukora akazi kigenga ugahabwa umushahara, ushobora kwishyuzwa amafaranga y'ibikorwa by'ikigo. Ushobora no kwishyuzwa niba ufite imitungo. Menyesha ikigo cy'abakira impunzi niba ukora akazi cyangwa niba ufite indi mitungo ikoreshwa.




---

# Amafaranga ahabwa impunzi

Ushobora kubona amafaranga yo gufashwa agenerwa impunzi niba wowe cyangwa abo mu muryango wawe mudafite amafaranga cyangwa umutungo uhagije wo kwishyura ibikenewe by'ingenzi by'ubuzima bwa buri munsi, nko kugura ibiryo n'imyenda. Ushobora gusaba ayo mafaranga yo gufashwa mu nkambi y'impunzi.

Amafaranga ahabwa impunzi agenerwa kugufasha mu bintu by'imibereho by'ibanze.

Amafaranga yo gufashwa n'ikigo cy'abakira impunzi ntahabwa umuntu ku buryo bwikoresha, ahubwo ugomba kuyasaba. Iyo usaba ayo mafaranga, ugomba kumenyesha inkambi y'impunzi



amafaranga winjiza n'umutungo ufite. Ndetse n'amafaranga cyangwa umutungo ubonera mu mahanga bigira ingaruka ku kigero cy'amafaranga y'imibereho uhabwa n'inkambi, niba bigaragara ko bikugeraho hano muri Finilandi.

Amafaranga yo gufashwa n'ikigo cy'abakira impunzi agabanyijwemo ibice bibiri: igice cy'ibanze n'igice cy'inyongera. Igice cy'ibanze kigenewe kwifashishwa mu bintu nko kugura imyenda, kwishyura ibice bito by'ubuvuzi, kugura amatike yo gutega imodoka rusange mu karere, ndetse no kwishyura amafaranga ajyanye no gutunga telefoni ikoreshwa.

Igice cy'ibanze cy'amafaranga y'imibereho atangwa n'inkambi kigenewe kandi kwifashishwa mu kugura ibiryo igihe ikigo cy'abakira impunzi kidatanga amafunguro.

Uretse igice cy'ibanze, ushobora no gusaba amafaranga y'inyongera yo gufashwa mu gihe hari ibyo ukeneye byihariye, urugero nko kwiga hanze y'ikigo cyangwa kugura ibikoresho by'abana bato.

# Ikarita yo kwishyura

Amafaranga y'imibereho ahabwa impunzi cyangwa n'umushahara iyo bishobotse, byishyurwa mu buryo butaziguye kw'ikarita wahawe n'Ikigo cy'igihugu cya Imigarasiyo cyangwa ikarita ya banki yo muri Finilandi. Amafaranga yo gufashwa n'ikigo ku muryango wose ashyirwa kuri karita imwe. Karita yishyurwaho yatanzwe n'Ikigo cya Imigarasiyo ikora muri Finilandi gusa. Uhabwa amabwiriza n'inkambi ku bijyanye no gukoresha iyo karita.



---



# Umurimo n'ibijyanye n'amasomo

Ikigo cy'inkambi y'impunzi gitegura ibikorwa by'akazi n'amahugurwa ku mukiriya utuye mu nkambi. Kwanga cyangwa kwirengagiza ibyo bikorwa bishobora gutuma amafaranga y'imibereho uhabwa n'inkambi agabanuka.

Ibikorwa bijyanye n'amasomo yo kwiga ni ukwiga ururimi rw'Igisuweduwa cyangwa Igifini. Ibikorwa by'akazi byibanda cyane ku isuku no gutunganya neza aho utuye.

---

# Amasomo yigisha imico rusange muri Finilandi

Ikigo cy'inkambi y'impunzi kigutegurira amasomo y'imibereho n'imitegekere y'igihugu cya Finilandi. Ayo masomo aguha ubumenyi bw'ingenzi ku mibereho y'abaturage ba Finilandi, amategeko, amateka, n'imico yaho.

Ayo masomo abamwo ibyo wisomera ubwawe n'ibyo wigishwa mw'ikoranabuhanga. Buri mukiriya uba mu nkambi y'impunzi agomba kwiga ayo masomo.



# Ubusemuzi

Abakozi b'inkambi y'impunzi bashobora kugushakira umusemuzi ngo abafashe kwumvikana iyo muganira ku bintu by'ingenzi bijyanye nawe.

Gukoresha umusemuzi bikunze gukorwa mu gihe cyo guhura n'umukozi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu kigo, umujyanama mu by'imibereho myiza, cyangwa umuganga wita ku buzima. Gukoresha umusemuzi si ngombwa ko bikorwa mu rurimi rwawe kavukire igihe ushobora kumva neza urundi rurimi.

Ibibazo by'umunsi ku munsi mu kigo cy'abakira impunzi bigeragezwa gukemurwa hatifashishijwe umusemuzi.




Umusemuzi afite inshingano yo kubika ibanga.

---

# Inkunga ku muntu usubiye iwabo ku bushake

Ikigo cy'inkambi y'impunzi gitanga amakuru kenshi ku bijyanye n'inkunga uhabwa yo gusubira mu gihugu waturutsemwo ku bushake, ndetse kikaguha inama ku bijyanye no gutaha aho waturutse. Gusubira mu gihugu ku bushake hakoreshejwe ubufasha bivuga gufashwa no gushyigikirwa mu rugendo rwo gusubira mu gihugu cyawe. Niba ushaka kumenya no kubona amakuru ku nkunga yo gutaha mu gihugu ku bushake, vugana n'umukozi w'ikigo cy'inkambi y'impunzi ubamwo.



# Inkambi y'impunzi itunganya amakuru yawe

Gukoresha amakuru yihariye ajyanye n'umuntu biri mu nshingano zigenwa n'itegeko rigena iby'inkambi y'impunzi isabwa gukora. Inkambi y'impunzi ikoresha amakuru yawe mu buryo butekanye kandi bukurikije amategeko.

Amakuru yawe ashobora gusangirwa hanze y'ikigo gusa ku bigo cyangwa abantu babifitiye uburenganzira bw'itegeko bwo gukoresha ayo makuru mu mirimo yabo cyangwa abo wemereye ubwawe ko bayahabwa.

Iyo wimuriwe muyindi nkambi, amakuru ya we ahita yoherezwayo.



Ufite uburenganzira bwo gusaba kureba amakuru yakwanditsweho n'ibiyakubiyemwo.



# Kwimukira mu karere

Niba ubonye uruhushya rwo gutura mu gihugu ndetse n'uburenganzira bwo gusaba kujya gutura mu karere, uba witezweho gusaba kwimukira mu ntara, ukareka kuba umukiriya w'inkambi y'impunzi.

Uhabwa ubufasha n'abakozi b'inkambi mu rugendo rwo kwimukira mu karere ndetse no gufashwa gushaka inzu yawe uzaturamwo.

# Amabwiriza n’inama wowe ubwawe witwararika mu nkambi y’impunzi

## Kugira uruhare mu nkambi y’impunzi

Reba neza amasaha ibiro by’inkambi y’impunzi bifungurira n’uburyo ushobora guhamagara abakozi n’uburyo nabo bashobora kugushaka mu nkambi.

Umukozi w’ikigo cy’abakira impunzi akubwira uburyo ushobora gufata igihe cyo kuganira n’ishami ry’imibereho myiza cyangwa serivisi z’ubuzima zo mu kigo, ndetse n’uburyo wakira cyangwa ukoresha izo serivisi.

Jya ugerera kuri randevu cyangwa ibiganiro byose ku gihe. Niba utabasha kuhagera, menyesha ikigo hakiri kare igihe bishoboka. Iyo ikigo cy’abakira impunzi cyaguteguriye igihe cyo kujya kuri serivisi z’ubuzima zo hanze y’ikigo, nko kwa muganga, ugomba no kugererayo ku gihe. Buri gihe menyesha ikigo hakiri kare bishoboka niba utazabasha kuhagera.

Mu nkambi zimwe z’impunzi haba hari umukozi uri kw’izamu ukurikirana by’umwihariko mu masaha y’ijoro no ku mugoroba, ushobora kuvugana nawe mu gihe cy’ibyihutirwa bitunguranye. Uwo mukozi afasha mu bibazo bikomeye byihutirwa, nko gufungura umuryango igihe urufunguzo rusigaye mu nzu, cyangwa igihe mu nzu habaye ikibazo gikomeye simusiga. Urugero nko gusana serire y’umuryango cyangwa gusimbuza mpuru y’itara ntibifatwa nk’ibibazo simusiga byihutirwa bikorwa mu masaha y’izamu ry’ijoro.




# Icyo wakora habaye ingorane zikeneye ubutabazi bwihuse

Abakozi b'inkambi y'impunzi baguha amakuru ku buryo ugomba kwitwara mu gihe habaye inkongi y'umuriro. Niba inzogera zo gutabaza cyangwa ibyuma bisakuza iyo habaye inkongi bitangiye kuvuga, banza urebe ko mu cyumba cyangwa mu nzu nta wundi usigayemo, ufunge umuryango maze usohoke mu nyubako.

Niba amagara yawe, ubuzima bwawe cyangwa umutekano biri mu kaga, hamagara ako kanya ku kigo gishinzwe ubutabazi bwihuse kuri nimero: 112. Nimero rusange y'ubutabazi bwihuse 112 (ambilansi, abashinzwe kuzimya inkongi n'abapolisi) ihamagarwa gusa mu bihe by'akaga kihutirwa.

Niba ukeneye ubuvuzi bwihutirwa kandi ukabura uko ugera ku biro by'inkambi y'impunzi, hita uhamagara nimero y'ubufasha bwihutirwa 116117. Aho uhamagaye, abakozi b'inzobere mu buvuzi baguha amakuru mu rurimi rw'Igifini, Igisuweduwa cyangwa Icyongereza, bakakubwira niba ikibazo cyawe gikwiye kujyanwa kwa muganga byihutirwa. Iyo telefoni ntiyishyurwa ni ubuntu.

Nimero rusange y'ubutabazi bwihuse 112
Y'ubufasha bwihutirwa 116117



# Kumenyesha igihe uvuye cyangwa utari mu nkambi y'impunzi

Inkmbi y'impunzi icunga kenshi mu bihe runaka niba ukiri muri Finilandi kandi niba ugikeneye serivisi z'ikigo. Niba ikigo kitabasha kuguhamagara cyangwa kugera kuri wowe, ushobora kutazongera guhabwa serivisi z'ikigo kandi ubufasha wahabwaga bushobora guhagarara.

Menyesha ikigo cy'abakira impunzi mbere y'igihe niba uteganya gusohoka muri Finilandi burundu. Iryo tangazo rigomba gutangwa n'iyo waba utuye hanze y'ikigo.

Niba uvuye muri Finilandi burundu, ugomba kandi guhagarika ubusabe bwawe bwo kubona uburinzi bw'igihe gito cyangwa uburenganzira bwo gutura, cyangwa ubusabe bwawe bwo kubona ubuhungiro.

Ntugomba gusohoka muri Finilandi igihe ubusabe bwawe bwo guhabwa ubuhungiro bugisuzumwa. Niba usohotse mu gihugu, ubusabe bwawe bwo kubona ubuhungiro burarangira, bivuze ko isuzumwa ryabwo rihita rirangira.



# Abana n'imiryango ifite abana

Ababyeyi bafite inshingano zo kurera no kwita ku bana babo kabone n'iyo baba mu nkambi y'impunzi.



- Mu gihugu cya Finilandi, gukubita cyangwa gukoresha igihano icyo ari cyo cyose cy'umubiri ku mwana birabujijwe.

Ahantu hateganyirijwe imikino mu mazu y'icumbi cyangwa mu bibuga by'imikino rusange harakoreshwa ku buntu. Abana bato ntibemerewe gusigara mu rugo cyangwa mu kibuga bonyine batari kumwe n'umuntu mukuru ubagenzura.

Ushobora gusabira umwana wawe umwanya mw'ishuri ry'incuke ku karere, niba ukora akazi cyangwa wiga ku buryo buhoraho, cyangwa se umwana wawe abikeneye ku buryo bwihariye.

Abana bafite imyaka 6 bafite uburenganzira bwo kwiga mu mashuri abanza y'ikiburamwaka, naho abana bafite imyaka hagati ya 7 na 17 bafite uburenganzira bwo kwiga mu mashuri abanza. Abana bafite inshingano yo kwiga iyo bri mu myaka iri hagati ya 7-17, bitabira ku buryo bushoboka amasomo yose abategura cyangwa ay'amashuri abanza. Ni ingenzi ko umwana ajya kw'ishuri. Muri Finilandi intego ni uko abana bose bagomba kwiga mu mashuri.

Abakozi b'inkambi y'impunzi bafasha imiryango mu gukora ibisabwa kugira ngo abana babo bemererwe kujya mu mashuri y'incuke no mu mashuri abanza.

# Guteza imbere ubushobozi bwo gukora, kwigenga no kugira ubuzima buzira umuze

Wowe ubwawe ushobora gukora ibintu byinshi bigufasha kugumana ubushobozi bwo gukora, kwigenga no kugira ubuzima bwiza. Ushobora gusohoka no gutembera hanze y’ikigo. Kumenyera aho uri, kugira ibikorwa, ndetse no gukora ibintu bifite agaciro kandi bikuganisha kw’iterambere ry’ ubuzima bigufasha kugira ubuzima bwiza no kugenga imibereho yawe.

Kwiga, gukora no kugira ibyo ukunda bifasha kwiga ibishya no gushyigikira imibereho yawe. Bituma kandi ubona ibintu bifite umumaro mu buzima bwawe bwa buri munsi. Iyo ukoze akazi uhembwa, uba unashoboye kwifasha mu mibereho yawe.

- Menya neza aho uba cyangwa utuye mu kigo.
- Kuganira no kugirana umubano n’abandi bifasha kongera ibyishimo.
- Itwararike mu mibereho yawe ibintu bisigasira ubuzima bwiza buzira umuze.
- Jya urya ku gihe gihagije kandi ugire gahunda ihamye y’amasaha yo kuryama no kubyuka.
- Kora imyitozo ngororamubiri kenshi.
- Fata amafunguro afite intungamubiri zitandukanye kandi unywe amazi ahagije buri munsi.
- Wambare ibijyanye n’ibihe by’ikirere.
- Oza intoki neza ukoresheje isabune igihe winjiye mu nkambi, nyuma yo gukoresha ubwiherero na mbere yo kurya.
- Teganya neza uko ukoresha amafaranga yawe.
- Itabire ibikorwa by’imiryango cyangwa amashyirahamwe.
- Delta i organisationernas verksamhet.





# Kwiga hanze y'inkambi y'impunzi

Niba ushaka kwiga hanze y'ikigo cyakira impunzi, birashoboka. Ushobora gusaba ishuri ryo kwiga no kwemera umwanya mw'ishuri, niba bishoboka hakurikijwe amategeko n'amabwiriza y'ishuri.

Muri rusange, nta burenganzira ufite ku nkunga zihabwa abanyeshuri, nko ku nkunga y'ishuri (opintotuki). Ariko, niba bikenewe, ushobora gusaba amafaranga y'inyongera yo gushyigikira uburezi kuyo wagenerwaga y'imibereho nk'impunzi.

Kubona ishuri ntibisobanuye ko ufite uburenganzira budakuka bwo kuzaguma muri Finilandi.



# Gukora akazi

Niba ushaka gusaba akazi kaguha umushahara, banza umenye neza niba ufite uburenganzira bwo gukora muri Finilandi. Niba uriho usaba ubuhungiro, ntushobora kuba umucuruzi ku giti cyawe.

Niba wemerewe uburinzi bw'igihe gito, ufite uburenganzira kuri serivisi z'imirimo. by'ubushomeri. Inkambi y'impunzi ubamwo izakuyobora ku biro by'amashuri n'umurimo byegereye aho utuye. Abasaba ubuhungiro ntibafite uburenganzira ku bikorwa bitangwa na za serivisi y'amashuri n'umurimo mu karere.

Ntukwiye gukora akazi mu bwihisho. Akazi k'ubwihisho ni ibikorwa binyuranyije n'amategeko kuko uba utishyura imisoro n'andi mafaranga ateganywa n'amategeko ku muntu ukorera umushahara.

**Amategeko y'akazi akurikizwa ku bantu bose bakora muri Finilandi. Umukozi afite uburenganzira ku bintu bikurikira:**

- Amasezerano y'akazi yanditse n'amategeko agenga akazi
- Umushahara, amasaha y'akazi n'ikiruhuko cyishyurwa bikurikije amasezerano y'akazi n'amasezerano y'abakozi
- Iminsi y'ikiruhuko igomba kubahirizwa mu gihe cy'akazi
- Igihembo cyishyurwa ku masaha y'akazi y'ikirenga
- Ahantu hakorerwa akazi hagomba kuba hizewe
- Serivisi y'ubuzima ku kazi n'ikiruhuko cy'uburwayi
- Kwigishwa imirimo n'amahugurwa
- Uburenganzira bwo kwishyira hamwe no kwinjira mw'ishyirahamwe ry'abakozi
- Uburenganzira bwo gutanga raporo ku bibazo byagaragaye ku kazi ku mukoresha cyangwa ku rwego rw'umutekano w'abakozi



## Imyidagaduro

Mu nkambi y'impunzi ushobora kubona amakuru ku bijyanye n'imyidagaduro n'imyitozo ngororamubiri iri mu gace uherereyemo.

Muri zimwe mu nkambi z'impunzi, hari ibikoresho cyangwa ibyumba byihariye byo kwidagadura, imyitozo ngororamubiri cyangwa ibindi bikorwa by'imyidagaduro ushobora gukoresha.

Ushobora kandi gusaba amafaranga y'inyongera y'ubufasha bw'ibanze cyane cyane ku bijyanye n'amafaranga y'imyidagaduro cyangwa ibikoresho by'abana.

## Guteganya neza umutungo

Ni byiza gutegura uko ukoresha amafaranga yawe kugira ngo atagushirana. Gutegura uburyo bwo gukoresha amafaranga ni ngombwa n'iyo wakora akazi kishyurwa.

Shyiraho ingano y'amafaranga ufite kandi ugenzure ibyo ugomba kuyakoresha. Koresha amafaranga mu buryo bufite gahunda, ugereranye ibiciro, wibaze ku kamaro k'ibyo ugura, urebe amafaranga ufite n'igihe azageza.

Koresha amahirwe y'ibicuruzwa biri ku giciro gito cyangwa byagabanijwe. Mu masaha ya nijoro, ibicuruzwa byinshi bigabanyirizwa igiciro. Amaduka manini akenshi aba ahendutse kurusha amaduka mato. Hitamo ukurikije ibirango by'amasoko ubwabyo.

Shaka ibicuruzwa byakoreshejwe. Imyambaro n'ibindi bikoresho byakoreshejwe ushobora kubibona ku giciro gito ku masoko y'abagurisha ibicuruzwa byakoreshejwe cyangwa mu bigo bitunganya ibyakoze kugira ngo byongere bikoreshwe.



# Andi makuru

**ubuzima mu nkambi y'impunzi** (Migri.fi), **mu rurimi rw'igifini**

**Inkambi z'impunzi** (Migri.fi), **mu rurimi rw'igifini**

**Amakuru ku gihugu cya Finilandi** (Infofinland.fi)